Buri kigo cy'imari iciriritse kigomba kugaragaza imitungo yatanzweho ingwate kuri buri muntu wishyuzwa kugira ngo iyo mitungo ishinganihwe cyangwa ifatirwe iyo bibaye ngombwa.

Ingingo ya 9: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni ashyiriweho umukono.

Kigali, kuwa 27/07/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Properties mortgaged shall not be sold, transferred or donated or re mortgaged unless authorised to do so by the Committee in which it is located.

Article 8: Responsibilities of microfinance institutions

A weekly report shall be submitted by the microfinance institutions to the Committee indicating the amount paid, list of debtors who have paid and the arrears to be recovered.

Any microfinance institution shall indicate the mortgaged property of each debtor in order to put it under official protection or confiscate it where necessary.

Article 9: Commencement

These instructions shall come into force on the date of their signature.

Kigali, on 27/07/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Les propriétés en garanties ne peuvent pas être vendues, déplacées ni faire objet de donation ou d'autres garanties sans l'accord préalable de la Commission où elles sont situées.

Article 8: Obligations des institutions de microfinances

Les institutions des microfinances doivent faire le rapport hebdomadaire à la Commission faisant état des montants remboursés, les débiteurs qui ont remboursés et les montants restant à rembourser.

Toute institution de microfinance doit faire connaître les propriétés données en garantie pour chaque débiteur enfin de les mettre sous la protection officielle ou procéder à leur saisie en cas de besion.

Article 9: Entrée en vigueur

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.

Kigali, le 27/07/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

(sé)

MUSONI James
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

(sé)

MUSONI James
Minister of Local Government

(sé)

MUSONI James
Ministre de l'Administration Locale

(sé)

Sheikh MUSA H. Fazil
Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu

(sé)

Sheikh MUSA H. Fazil
Minister of Internal Security

(sé)

Sheikh MUSA H. Fazil
Ministre de la Sécurité Intérieure

(sé)

RWANGOMBWA John
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

(sé)

RWANGOMBWA John
Minister of Finance and Economic Planning

(sé)

RWANGOMBWA John
Ministre des Finances et de la Planification
Economique

(sé)

KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)

KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

(sé)

KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Seau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°92/08.11 RYO KUWA 21/06/2011 RYEMEZA ABAVUGIZI B'UMURYANGO «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)»

MINISTERIAL ORDER N°92/08.11 OF 21/06/2011 APPROVING THE LEGAL REPRESENTATIVES OF ASSOCIATION «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)»

ARRETE MINISTERIEL N°92/08.11 DU 21/06/2011 PORTANT AGREMENT DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L'ASSOCIATION «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)»

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Kwemeza abavugizi b'umuryango

Article one: Legal Representatives

Article premier: Représentants Légaux

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing of inconsitent provisions

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

| | | |
|--|--|---|
| ITEKA RYA MINISITIRI N°92/08.11 RYO KUWA 21/06/2011 RYEMEZA ABAVUGIZI B'UMURYANGO «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» | MINISTERIAL ORDER N°92/08.11 OF 21/06/2011 APPROVING THE LEGAL REPRESENTATIVES OF ASSOCIATION «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» | ARRETE MINISTERIEL N°92/08.11 DU 21/06/2011 PORTANT AGREMENT DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L'ASSOCIATION «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» |
| Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta, | The Minister of Justice/ Attorney General, | Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux, |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121; | Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yayo ya 20; | Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Article 20; | Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en son article 20 ; |
| Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yayo ya mbere ; | Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One; | Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ; |
| Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n°95/11 ryo kuwa 23/07/2004 riha ubuzimagatozi umuryango «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)», cyane cyane mu ngingo yayo ya 1; | Revisited the Ministerial Order n°95/11 of 23/07/2004 granting the legal status to the association « EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)», especially in Article 1; | Revu l'arrêté Ministériel n°95/11 du 23/07/2004 accordant la personnalité civile à l'association «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)», spécialement en son article 1 ; |
| Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» mu rwandiko rwakiriwe kuwa 12/10/2010; | On request lodged by the Legal Representative of the Association «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» on 12/10/2010; | Sur requête du Représentant Légal de l'association «EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)» reçue le 12/10/2010; |

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'Umuryango «**EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)**» ni **Mgr Samuel KAYINAMURA**, umunyarwanda uba mu Murenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wa mbere Wungirije w'uwo muryango ni **Rev. Daniel MUNYANDAME**, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Kazo, Akarere ka Ngoma, Intara y'Iburasirazuba.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije wa kabiri w'uwo muryango ni **Bwana Eraste BAYIHORERE**, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Kamembe, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba.

Ingingo ya 2: ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

ORDERS :

Article one: Legal Representatives

Mgr Samuel KAYINAMURA of Rwandan nationality, residing in Gikondo Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the Association «**EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)**».

Rev. Daniel MUNYANDAME of Rwandan nationality, residing in Kazo Sector, Ngoma District, in Eastern Province, is hereby authorised to be the First Deputy Legal Representative of the same association.

Mr. Eraste BAYIHORERE of Rwandan nationality, residing in Kamembe Sector, Rusizi District, in Western Province, is hereby authorised to be the second Deputy Legal Representative of the same Association.

Article 2: Repealing of inconsistent provisions

All prior provision contrary to this Order are hereby repealed.

Article 3: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

ARRETE :

Article premier : Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'association «**EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)**» **Mgr Samuel KAYINAMURA** de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Gikondo, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

Est agréé en qualité de premier Représentant Légal Suppléant de la même association, **Rev. Daniel MUNYANDAME** de nationalité rwandaise, résidant 6.10584 dans le Secteur de Kazo, District de Ngoma, dans la Province de l'Est.

Est agréé en qualité de deuxième Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur Eraste BAYIHORERE** de nationalité rwandaise, résidant dans le secteur de Kamembe, District de Rusizi, dans la Province du Ouest.

Article 2: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent Arrêtés sont abrogées.

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n0 33 of 15/08/2011

Kigali, kuwa 21/06/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta**

Kigali, on 21/06/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le 21/06/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NKURU YA GATANU Y'ITORERO METHODISTE LIBRE MU RWANDA

Inama Nkuru ya gatanu y'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda yateraniye i Gikondo mu Karere ka Kicukiro ku matariki ya 16 na 17 Nyakanga 2010.

IBYARI K'UMURONGO W'IBYIGWA

1. Gusenga
2. Kwakira abajyanama
3. Gusoma inyandikomvugo y'Inama y'ubushize
4. Kwakira raporo zitandukanye
5. Gutora Inzego Nkuru z'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
6. Gusoma Inama

UKO BYIZWE

1. Gusenga

Nyuma y'indirimbo no 156 mu indirimbo zo gushimisha Imana, Inama yatangijwe n'isengesho ndetse n'ijambo ry'Imana twayobowemo na Mgr. Samuel KAYINAMURA.

Iryo jambo riboneka mu gitabo cy'Itangiriro 26:18-22. Iryo jambo ryakanguriraga abanyetorero kuba abakozi b'amahoro n'urukundo kuko ibyo aribyo byatumye umugaragu w'Imana Isaka ava ku iriba ry'impaka n'urwango akagera ku iriba ryagutse rizira intonganya n'amahane abona gutunga aratunganirwa.

2. Kwakira abajyanama

Mgr Samuel KAYINAMURA, Umwepiskopi n'Umuvugizi wa mbere wungirije, yakiriye abajyanama bose uko bari baturutse muri Konferansi z'Umwaka zitandukanye abifuriza kugubwa neza no gutanga ibitekerezo mu bwisanzure. Yaboneyeho umwanya wo kwakira n'abandi bashyitsi benshi bari baturutse hirya no hino ku isi b'abafatanyaga bikorwa, muri bo twavugaga : Bishop Dr. BUCONYORI Elie, Umwepiskopi n'Umuvugizi w'Itorero Methodiste Libre mu BURUNDI akaba na Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Itorero Methodiste Libre ku isi, Bishop Nixon NDINGILI Umwepiskopi n'Umuvugizi w'Itorero Methodiste Libre muri KENYA, hari kandi intumwa z'Itorero Methodiste Libre ryo muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya CONGO ziyobowe na Rev. Dr. LUBUNGA W'EHUSA, Rev. Dr. LINDA Adams Umuyobozi Mukuru wa International Child Care Ministries wari uvuye muri Leta Zunze Ubumwe z'AMERIKA na Madame Vicky REYNEN umufasha w'uhagarariye abamisyonari b'Itorero Methodiste Libre bakorera muri Africa, Rev. John HOWARD wari uyoboye intumwa ziturutse mu Itorero Methodiste mu Bwongereza.

Hari kandi Dr. Tharcisse GATWA, Umunyamabanga Mukuru w'Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR) na Bishop DUSINGIZIMANA Ennock wari ahagarariye Alliance des Eglises Evangeliques mu Rwanda.

3. Gusoma Inyandikomvugo y'Inama y'ubushize

Inyandikomvugo y'Inama y'ubushize yasomwe na Rev. Casimir MUSHIMIYIMANA. Nyuma y'ubugororangingo iyo nyandikomvugo yaremejwe.

4. Raporo zitandukanye

Inama yakiriye raporo y'Umwepiskopi yasomwe na Mgr. Samuel KAYINAMURA hamwe na raporo y'Umucungamutungo Bwana Josué MUSABWA. Izo raporo abajyanama bagize icyo bazivugaho havamo imyanzuro ikurikira :

- ✓ Inama yishimiye kandi yemeza ubufatanye hagati ya EMLR n'Itorero Methodiste ryo mu Bwongereza, inakira ubufatanye hagati ya EMLR na International Child Care Ministries (ICCM) mu iterambere ry'umwana mu buryo bwuzuye;

- ✓ Inama yemeje ko hashyirwaho ingamba mu bigo by'amashuri bya EMLR kugirango bibe ibigo by'indashyikirwa(Centers of excellence);
- ✓ Inama yemeje kuzashyigikira itangizwa rya Radio y'Inama y'Abaprotestanti mu Rwanda;
- ✓ Inama yemeje ko hakorwa ikarita y'aho EMLR ikorera mu Rwanda, ibyo bikaduhesha gufata ingamba zo kugera aho tutaragera;
- ✓ Inama yemeje gukora no kugendera kuri strategic plan y'imyaka itanu.

5. Gutora inzego Nkuru z'Itorero

Nyuma yo gushyikirizwa icyifuzo cy'Inama Nyobozi, Inama yatoye abayobozi mu buryo bukurikira :

a) Abayobozi Bakuru b'Itorero

- Mgr Samuel KAYINAMURA : Umwepiskopi n'Umuwugizi w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Rev. Daniel MUNYANDAME: Umuvugizi wa mbere wungirije w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Bwana Eraste BAYIHORERE: Umuvugizi wa kabiri wungirije w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Rev. Casmir MUSHIMIYIMANA: Umwanditsi w'Inama

b) Abagize Inama Nyobozi

- Mgr. Samuel KAYINAMURA
- Rev. Daniel MUNYANDAME
- Bwana Eraste BAYIHORERE
- Bwana Jeremie SERUGO
- Rev. Josue MUHOZA
- Rev. Simeon MUSHIMIYIMANA
- Rev. Casmir MUSHIMIYIMANA
- Rev. Cyprien SEBAGABO
- Rev. Jonas RWIHANIZA
- Rev. Evariste NZAYIBONANTE
- Bwana Emmanuel NSABIMANA
- Bwana Damien NSABIMANA
- Madame Suzana NYIRANGIRIMANA
- Madame Esperance MUKANTAGARA
- Bwana Emmauel MUNYESHYAKA
- Bwana Jean Paul UKWITEGETSE

c) Abagize Inama irinda Itegeko Nshinga rya EMLR

- Rev. Isaac SINAMENYE
- Rev. Leonidas NTIBIMENYA
- Bwana Michel NDAKIZE
- Madame Jael NIRERE
- Rev. Innocent RWATANGABO
- Bwana Gratien BANDORA
- Rev. Ruth NYIRAMANA

d) Ibindi byemezo byafashwe

1. Inama yemeje ko Itorero Methodiste Libre mu Rwanda riyoborwa n'Umwepiskopi umwe aho kuba babiri nkuko byakozwe muri 2004.

2. Inama yemeje ko amategeko remezo agenga Itorero Methodiste Libre mu Rwanda (Statut) akomeza uko ari ariko Inama irinda Itegeko Nshinga ikazakora umushinga w'ivugururwa ryayo kugira ngo ahuzwe n'igihe, mu gihe kitarenze amezi atandatu uhereye none. Uwo mushinga uzashyikirizwa Inama Nyobozi wemezwe n'Inama Nkuru.
3. Inama yishimiye ko Itorero Methodiste Libre mu Rwanda rikomeje gutera imbere kandi rikorera mu mutekano usesuye no mu bumwe bw'abanyetorero.

6. Gusoza Inama

Umuyobozi w'Inama Mgr. Samuel KAYINAMURA, yashimiye abitabiriye Inama bose ndetse n'ibitekerezo byiza byubaka batanze, abasaba gushyira imbaraga hamwe kugira ngo Itorero Methodiste Libre mu Rwanda ritere imbere, kandi rikomeze kuba icyitegererezo aho rikorera, rirushaho gufatanya n'Inzego za Leta mu iterambere ry'igihugu cyacu.

Bikorewe i Kigali, kuwa 17/08/2010

UMWANDITSI

Rev. Casimir MUSHIMIYIMANA
(sé)

UMUYOBOZI W'INAMA

Mgr. Samuel KAYINAMURA
(sé)

DECLARATION DE REPRESENTANTS LEGAUX

Nous soussignés, Mgr. Samuel KAYINAMURA, Rév. Daniel MUNYANDAME, Monsieur Eraste BAYIHORERE, respectivement comme Représentant Légal, 1er Représentant Légal suppléant, 2ème Représentant Légal suppléant de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda, reconnaissons avoir été élus à l'unanimité par les membres de la Conférence Générale de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda en assemblée générale tenue en sa séance ordinaire à Gikondo/Kigali en date du 16-17/07/2010.

Fait à Kigali, le 17/07/2010

(sé)

Mgr. Samuel KAYINAMURA
Représentant Légal

(sé)

Rév. Daniel MUNYANDAME
1^{er} Représentant Légal Suppléant

(sé)

Mr. Eraste BAYIHORERE
2^{ème} Représentant Légal Suppléant

ABITABIRIYE INAMA NKURU (Kigali 16-17/07/2010)

| NO | AMAZINA | YOMBI | UMUKONO |
|-----------|------------------|--------------|----------------|
| 01 | BARENGAYABO | Jérémie | (sé) |
| 02 | BAVAKURE | Marc | (sé) |
| 03 | BAVUMIRAGIRA | Berchimas | (sé) |
| 04 | BAYIHORERE | Eraste | (sé) |
| 05 | DUSABE | Emmanuel | (sé) |
| 06 | DUSHIMIMANA | Eugene | (sé) |
| 07 | GASANA | Alexis | (sé) |
| 08 | GASARE | Michel | (sé) |
| 09 | GASHEMA | Eustache | (sé) |
| 10 | HABIMANA | Vedaste | (sé) |
| 11 | HABIYEZE | Thomas | (sé) |
| 12 | IRAMBONA Gabriel | Sosthène | (sé) |
| 13 | KABAHUNDE | Edith | (sé) |
| 14 | KAMANZI | Gallican | (sé) |
| 15 | KARAKE Jean | Pierre | (sé) |
| 16 | KARERA | Assiel | (sé) |
| 17 | KAYIGIRE | Fidele | (sé) |
| 18 | KAYINAMURA | Samuel | (sé) |
| 19 | KILOMANI | Pascal | (sé) |
| 20 | KOMEZUSENGE | Xavier | (sé) |
| 21 | MAKUZA | Anasthase | (sé) |
| 22 | RUGIRANGOGA | Anasthase | (sé) |
| 23 | MUGABOWAKIGERI | Seth | (sé) |
| 24 | MUGIRANEZA | Abraham | (sé) |
| 25 | MUHOZA | Josué | (sé) |
| 26 | MUKAMIHIGO | Thamar | (sé) |
| 27 | MUKANTAGARA | Esperance | (sé) |
| 28 | MUNYAMAHHORO | Charles | (sé) |
| 29 | MUNYAMAHHORO | Nzay Joseph | (sé) |
| 30 | MUNYANDAME | Daniel | (sé) |
| 31 | MUNYANEZA | Saidi | (sé) |
| 32 | MUNYESHURI | Fidele | (sé) |
| 33 | MUNYESHYAKA | Emmanuel | (sé) |
| 34 | MUSHIMIYIMANA | Casimir | (sé) |
| 35 | MUSHIMIYIMANA | Siméon | (sé) |
| 36 | MUTAGANDA | Marcel | (sé) |
| 37 | MUTUNZI RUBIRIRA | Jonas | (sé) |
| 38 | NDARABUTSE | Zabulon | (sé) |
| 39 | NDUWAMUNGU | Paul | (sé) |
| 40 | NGIRABAKUNZI | BATEGEKA | (sé) |
| 41 | NKEZABERA | Ephraïm | (sé) |
| 42 | NTIBIMENYA | Leonidas | (sé) |
| 44 | NSABIMANA | Eliab | (sé) |
| 45 | NSABIMANA | Emmanuel | (sé) |
| 46 | NSABIMANA | Damien | (sé) |
| 47 | NSENGIYUMVA | Emmanuel | (sé) |
| 48 | NSENGUMUREMYI | François | (sé) |
| 49 | NTEZIRYAYO | Athanase | (sé) |

| | | | |
|----|-------------------------------|-----------------|------|
| 50 | NYIRAMANA | Ruth | (sé) |
| 51 | NYIRAMUNEZERO NYIRANKUNDWA | | (sé) |
| 52 | NYIRANGIRIMANA | Suzana | (sé) |
| 53 | NZAYIBONANTE | Evariste | (sé) |
| 54 | RUBANZA | Gilbert | (sé) |
| 55 | RUBEBA | Claver | (sé) |
| 56 | RUGAYA | Manassé | (sé) |
| 57 | RUGEMA | Sylvestre | (sé) |
| 58 | RUGENERWA | Ndaye Abraham | (sé) |
| 59 | RUKEMANGANIZI | André | (sé) |
| 60 | RUKUNDO | Furaha Olivier | (sé) |
| 61 | RWIHANIZA | Jonas | (sé) |
| 62 | SEBAGABO | Cyprien | (sé) |
| 63 | SEKERUKUNZE | Appolinaire | (sé) |
| 64 | BIZIMANA SEMABARABARA | Seth | (sé) |
| 65 | SENDEGEYA | Eliazard | (sé) |
| 66 | SERUGO | Singaye Jérémie | (sé) |
| 67 | SINAMENYE | Isaac | (sé) |
| 68 | TULINABO | Damascene | (sé) |
| 69 | UKWITEGETSE | Jean Paul | (sé) |
| 70 | URAYENEZA | Assiel | (sé) |
| 71 | UWILINGIRA | Julienne | (sé) |
| 72 | UWIMANIMPAYE | Jacqueline | (sé) |

ITEKA RYA MINISITIRI N°86/08.11 RYO KUWA 03/05/2011 RIHINDURA KANDI RYEMEZA ABAVUGIZI B'UMURYANGO «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»

MINISTERIAL ORDER N°86/08.11 OF 03/05/2011 ALTERING AND APPROVING THE LEGAL REPRESENTATIVES OF ASSOCIATION «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»

ARRETE MINISTERIEL N°86/08.11 DU 03/05/2011 MODIFIANT ET PORTANT AGREMENT DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L'ASSOCIATION «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere : Abavugizi b'umuryango

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka

Ingingo ya 2 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article one: Legal Representatives

Article 2: Repealing provision

Article 2: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Représentants Légaux

Article 2: Disposition abrogatoire

Article 2: Entrée en vigueur

| | | |
|--|--|--|
| <p>ITEKA RYA MINISITIRI N°86/08.11 RYO KUWA 03/05/2011 RIHINDURA KANDI RYEMEZA ABAVUGIZI B'UMURYANGO «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»</p> | <p>MINISTERIAL ORDER N°86/08.11 OF 03/05/2011 ALTERING AND APPROVING THE LEGAL REPRESENTATIVES OF ASSOCIATION «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»</p> | <p>ARRETE MINISTERIEL N°86/08.11 DU 03/05/2011 MODIFIANT ET PORTANT AGREMENT DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L'ASSOCIATION «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»</p> |
| <p>Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,</p> | <p>The Minister of Justice/ Attorney General,</p> | <p>Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,</p> |
| <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;</p> | <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;</p> | <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;</p> |
| <p>Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yayo ya 20;</p> | <p>Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Article 20;</p> | <p>Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en son article 20 ;</p> |
| <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;</p> | <p>Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;</p> | <p>Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;</p> |
| <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n°058/17 ryo kuwa 13/11/2002 riha ubuzimagatozi umuryango «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)» kandi ryemera abavugizi bawo;</p> | <p>Revisited the Ministerial Order n°058/17 of 13/11/2002 grating the legal status to the association «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)» and approving its legal representatives;</p> | <p>Revu l'arrêté Ministériel n°058/17 du 13/11/2002 accordant la personnalité civile et agrément des représentants légal de l'association «COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»;</p> |
| <p>Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango «COMMUNAUTE MISSIONAIRE</p> | <p>On request lodged by the Legal Representative of the Association «COMMUNAUTE</p> | <p>Sur requête du Représentant Légal de l'association «COMMUNAUTE MISSIONAIRE</p> |

CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»
mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 01/12/2010;

MISSIONAIRE CHRETIENNE
INTERNATIONALE (CMCI)» on 01/12/2010;

CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»
reçue le 01/12/2010;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS :

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'Umuryango «**COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»** ni **Bwana Jean DEUGOU**, umunyakameruni uba mu Murenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije wa mbere w'uwo muryango ni **Bwana MUSAFIRI Jean Pierre**, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Tumba, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije wa kabiri w'uwo muryango ni **Bwana RUSEKAMPUNZI Eugène**, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Niboyi, Akarere ka Kicukiro, mu mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2: ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Article one: Legal Representatives

Mr. Jean DEUGOU of Camerounian nationality, residing in Remera Sector, Gasabo District, in the Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the Association «**COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»**.

Mr. MUSAFIRI Jean Pierre of Rwandan nationality, residing in Tumba Sector, Huye District, in Southern Province, is hereby authorised to be the first Deputy Legal Representative of the same association.

Mr. RUSEKAMPUNZI Eugène of Rwandan nationality, residing in Niboyi Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the second Deputy Legal Representative of the same association.

Article 2: Repealing provision

All prior provision contrary to this Order are hereby repealed.

Article premier : Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'association «**COMMUNAUTE MISSIONAIRE CHRETIENNE INTERNATIONALE (CMCI)»** **Monsieur Jean DEUGOU** de nationalité Camerounaise, résidant dans le Secteur de Remera, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali.

Est agréé en qualité de premier Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur MUSAFIRI Jean Pierre** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Tumba, District de Huye, dans la Province du Sud.

Est agréé en qualité de deuxième Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur RUSEKAMPUNZI Eugène** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Niboyi, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

Article 2: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent Arrêtés sont abrogées.

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa 03/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta**

Article 3: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 03/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General**

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 03/05/2011

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux**

Inyandiko mvugo y'inama rusange y'Umuryango udaharanira inyungu CMCI yabaye tariki ya 21 /11/2010

Inama rusange y'umuryango CMCI (Communauté Missionnaire Chrétienne Internationale au Rwanda) wemejwe n'Iteka rya Minisitiri **numero 058/17 ryo ku wa 13/11/2002 riha ubuzima gatozi umuryango kandi ryemera abavugizi bawo**; yatumiwe n'umuvugizi w'umuryango Pasteur Jean Deugou yateranye ku cyicaro cy'Umuryango kiri mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Remera mu Mujyi wa Kigali tariki ya 21 /11/2010. Ku murongo w'ibygwa hari ingingo zikurikira:

1. **Ubuzima bw'itorero;**
2. **Ibibazo bivugwa mu itorero rya CMCI/ Ishami rya Rugalika;**
3. **Utuntu n'utundi.**

Inama yitabiriwe n'abanyamuryango batandatu kuri barindwi (6 kuri 7).

| Amazina | Umwanya |
|------------------------|---|
| 1. Pasteur Jean Deugou | Uhagarariye umuryango (Représentant Légal) |
| 2. Rusekampunzi Eugène | Uhagarariye umuryango wungirije wa kabiri (2 ^{ème} Représentant Légal suppléant) |
| 3. Benineza Innocent | membre |
| 4. Rurisa Joseph | Membre |
| 5. Musabyimana Salve | Membre |
| 6. Iyakaremye Donat | Membre |

Umunyamuryango Nsengimana Evase akaba n'Umuvugizi Wungirije wa mbere (1^{ère} Représentant Légal Suppléant) ntiyaje mu nama kandi yaratumwe, akaba yaranditse avuga ko atazayitabira.

Hamaze gusuzumwa ko hari umubare wa ngombwa kugirango inama rusange iterane nkuko uteganywa n'ingingo ya 14 y'Amategeko shingiro y'Umuryango aho ivuga ko kugirango inama rusange iterane, umubare wa ngombwa ugomba **kurenga** ½ cy'abanyamuryango nyakuri, inama ikaba yitabiriwe n'abanyamuryango batandatu kuri barindwi (6 kuri 7), abari mu nama basanze umubare usabwa n'amategeko wuzuye maze inama itangira imirimo yayo.

1. Ubuzima bw'Itorero

- **Uko Itorero CMCI rihagaze mu turere rihagarariwemo:** Nyuma yo guha ijamba abahagarariye Itorero CMCI mu turere dutandukanye tw'Igihugu aritwo Huye, Gisagara, Nyamagabe, Nyaruguru, Rusizi, Rubavu, Musanze, Nyagatare, Gatsibo na Kigali bakavuga uko Itorero rihagaze muri utwo turere, abari mu nama basanze ibintu bimeze neza muri rusange muri utwo turere twari duhagarariwe mu nama.
- **Umushinga wo kubaka icyicaro cy'Itorero CMCI mu Karere ka Gasabo i Kibagabaga aho ugeze :** Kuri iyi ngingo abari mu nama babwiwe ko umushinga wo kubaka icyicaro cy'umuryango i Kibagabaga muri Gasabo ugeze ahashimishije, bakaba bamenyeshejwe ko ibyangombwa byo kubaka nka fishe cadastrale, ibishushanyo mbonera, n'uburenganzira na REMA ko byabonetse, igisigaye akaba ari icyangombwa cyo kubaka gitangwa na RDB.
- **Ibirebana n'umutungo:** Abari mu nama bagejewehe uko ishusho y'umutungo imeze muri iki gihe. Basanze umutungo w'itorero umeze neza cyane cyane ko nta myenda itorero rifite ubu. Ariko kandi abari munama basanze amafaranga yo kubaka icyicaro gikuru cy'Itorero ataraboneka yose, abanyamuryango n'abakristo bakaba bagomba gushishikarizwa kwitabira icyo gikorwa. Abari mu nama basabye kandi ko ushinzwe umutungo w'itorero agomba kwihutira gushakira ibyangombwa ibibanza 2 by'Itorero, kimwe kiri i Gikondo, n'ikindi kiri i Kimisange.

- **Kwemeza abanyamuryango:** Nk'uko ingingo ya 5 y'amategeko shingiro umuryango ugenderaho iteganya ibyiciro by'abanyamuryango, kimwe muri ibyo byiciro kikaba ari ikigizwe n'abanyamuryango baje nyuma bakemezwa n'Inteko rusange. Abari mu nama basanze ko hari abandi bakristo bamaze igihe mu itorero bakaba bifuzwa kwinjira mu muryango wa CMCI, abasabye kuba abanyamuryango bibukijwe ko kugirango umuntu abe umunyamuryango amatageko ya CMCI mu ngingo yayo ya 9 avuga ko: *"Kuba umunyamuryango babisaba uhagarariye umuryango mu nyandiko, hemererwa uwemeye guha ubuzima bwe Yesu, bityo akemera kwitandukanya rwose n'icyaha akanabatizwa. Kuba umunyamuryango bigomba kwemezwa nibura na bibiri bya gatatu by'abanyamuryango nyakuri"*. Inama rusange rero imaze kubona ko abantu 44 banditse basaba kuba abanyamuryango bujuje ibyangombwa bisabwa mu ngingo ya 9, yabemereye kuba abanyamuryango ba CMCI ku bwiganze bw'amajwi y'abari mu nama, abayitabiriye bose uko ari 6 batandatu batora bemera ko abasabye kuba abanyamuryango babyemerewe.

2. Ibibazo bivugwa mu itorero rya CMCI Umurenge wa Rugalika akarere ka Kamonyi

Pasteur Jean Deugou Représentant Légal wa CMCI mu Rwanda yibukije ibibazo biri mw'itorero rya CMCI ishami riri mu Murenge wa Rugalika, ibyo bibazo, bishingiye ku muyobozi waryo mwenedata Nsengimana Evase. Hibukijwe ibivugwa ko atanga inyigisho zirimo kubuza abantu gushyingiranwa ndetse no kubashishikariza kuva mu kazi. Abari mu nama basanze izo nyigisho zitandukanye n'umurongo Itorero CMCI rigenderaho.

Itorero ryafashe ingamba nyinshi zo kwegera mwenedata Nsengimana Evase kugirango ibyo bibazo bikemurwe mu mahoro ariko arabyanga, noneho ubuyobozi bw'itorero tariki ya 9/11/2010 bwafashe icyemezo cyo kumuhagarika by'agateganyo ku mwanya w'ubuyobozi bw'itorero rya Rugalika, mu gihe ibibazo kigishakirwa umuti; aho kubahiriza icyo cyemezo Nsengimana Evase afata umwanzuro wo guhanagura ibyapa biranga CMCI ku rusengeru rwa Rugalika yayoboraga. Ikindi nuko tariki ya 12/11/2010 Nsengimana Evase yafashe icyemezo cyo kwandikira Umuyobozi w'Itorero CMCI akaba n'Umuvugizi waryo ibaruwa yanoherereje abayobozi bose b'ibanze yuzuye ibinyoma n'izindi mvugo byandagaza Itorero n'Umuyobozi waryo mukuru. Muri iyo baruwa ye akaba yaravuze kandi ko adashaka ko Umuyobozi Mukuru w'Itorero azongera kumuhamagara, ndetse ngo akaba adashaka n'abandi bantu yamutumaho.

Abari mu nama, bamaze kubona ko izo nyigisho Nsengimana Evase atanga zitandukanye n'izo CMCI igenderaho bafashe icyemezo cyo guhagarika Nsengimana Evase ku buyobozi bw'Itorero ishami rya Rugalika. Bamaze gusuzuma kandi ibikubiye mu ibaruwa Nsengimana Evase yanditse tariki ya 12/11/2010, basanze ari ibinyoma no gusebanya. Amagambo, imyifatire n'ibikorwa bya Nsengimana Evase basanze bibangamiye ubusugire bw'Itorero. Abari mu nama, bashingiye ku ngingo ya 12 agace ka 6 y'Amategeko shingiro agenga CMCI iha ububasha Inteko rusange yo guhagarika umunyamuryango, abari mu nama y'Inteko Rusange bafashe icyemezo cyo kwirukana burundu Nsengimana Evase mu muryango wa CMCI. Icyo cyemezo cyatorewe n'abantu 5/6 bari bahari n'uwifashe 1.

Bitewe n'uko mwenedata Nsengimana Evase yari umuvugizi w'umuryango wungirije wa mbere atakiri mu muryango, byabaye ngombwa ko haba andi matora kugirango haboneke umusimbura kuri uwo mwanya.

Abari mu nama rero batoreye mwenedata Musafiri Jean Pierre ku mwanya w'uwungirije wa mbere uhagarariye umuryango CMCI mu Rwanda (Premier Représentant Légal Suppléant). Ku majwi 6 kuri 6.

3. Utuntu n'utundi

Hemejwe ko hashyirwaho amategeko ngengamikorere y'umuryango, ndetse n'inzego zidahari zigashyirwaho. Izisanzwe zihari zigakora neza kandi zizatanga raporo.

Fait à Kigali, le 21/11/2010

(sé)

Pasteur Jean Deugou
Représentant Légal

Icyemezo

Njyewe Pasteur Jean Deugou nemeye kuba uhagarariye umuryango wa CMCI mu Rwanda, nk'uko inama rusange y'itorero yabaye tariki ya 21/11/2010 yabyemeje.

Bikorewe i Kigali tariki ya 24/01/2011

(sé)

Pasteur Jean Deugou
Uhagarariye CMCI mu Rwanda

Icyemezo

Njyewe MUSAFIRI Jean Pierre nemeye kuba uwungirije wa mbere w'uhagarariye Cummunaute Missionnaire Chretienne Internationale (CMCI) mu Rwanda, nk'uko byemejwe n'inama rusange y'itorero yabaye tariki ya 21/11/2010.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24/01/2011

(sé)

MUSAFIRI Jean Pierre
Uwungirije wa mbere w'Uhagarariye CMCI mu Rwanda

Icyemezo

Njyewe Rusekampunzi Eugène nemeye kuba uwungirije wa Kabiri w'uhagarariye umuryango wa CMCI mu Rwanda nk'uko inama rusange y'itorero yabaye tariki ya 21/11/2010 yabyemeje.

Bikorewe i Kigali tariki ya 24/01/2011

(sé)

RUSEKAMPUNZI Eugène
Uwungirije wa kabiri w'uhagarariye CMCI au Rwanda

ITEKA RYA MINISITIRI N° 72/08.11 RYO KUWA 18/04/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO.

MINISTERIAL ORDER N° 72/08.11 OF 18/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES.

ARRETE MINISTERIEL N° 72/08.11 DU 18/04/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'«ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX.

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro by'umuryango

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Name and Head Office of the Association

Article 2: Objectives of the Association

Article3: Legal Representatives

Article 4: Commencement

TABLE DE MATIERS

Article premier: Dénomination et siège de l'association

Article 2 : Objectifs de l'association

Article 3 : Représentants légaux

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 72/08.11 RYO KU WA 18/04/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» KANDI RYEMEZA ABAVUGIZI BAWO

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo ku wa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Abisabwe n'Umuvugizi w'umuryango «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 20/07/2010;

ATEGETSE :

MINISTERIAL ORDER N° 72/08.11 OF 18/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES.

The Minister of Justice/ Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

On request lodged by the Legal Representative of the «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» on 20/07/2010;

HEREBY ORDERS :

ARRETE MINISTERIEL N° 72/08.11 DU 18/04/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'«ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)»ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX.

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Sur requête de la Représentante Légale de L'«ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» reçue le 20/07/2010;

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Ubuzimagatozi buhawe, umuryango «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» ufite icyicaro mu Akarere ka Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru.

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Ishyirahamwe ryashingiwe guteza imbere ubuzima nyobokamana, mbonezamimerere na mbonezamibereho hamwe n'ikoranabuhanga bigamije ubutabera n'amahoro muri Afurika muri rusange, no mu Rwanda by'umwihariko. Ishyirahamwe ryihaye intego zikurikira:

- Guharanira iterambere risesuye rya muntu rishingiye ku burere-ndangagaciro bwa gikristu n'umuco gakondo bishimangira ubutabera n'amahoro.

- Gufasha mu gukumira amakimbirane, hashyigikirwa amakoraniro y'ubuhuza no gushishikariza abantu kwiyunga hakoreshejwe ibiganiro mu miryango.

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» ni Madamu MUKANKUBANA Domina, umunyarwandakazi, utuye mu Murenge wa Janja,

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» situate at Gakenke District, in Northern Province.

Article 2: Objectives of the Association

The association is created to promote the spiritual, social and technological welfare aiming justice and peace generally in Africa and particularly in Rwanda. It has therefore as objectives:

- To promote a human complete development based on the Christian and traditional education values encouraging justice and peace.

- To contribute to the prevention of the conflicts, by sustaining workshops of practice to mediation and by stimulating dialogues between communities.

Article 3: Legal Representatives

Ms MUKANKUBANA Domina of Rwandan nationality, residing in Janja Sector, Gakenke District, in Northern Province is hereby authorised to be the Legal Representative of the «ASSOCIATION POUR L'EDUCATION

Article premier: Dénomination et Siège de l'association

La personnalité civile est accordée à L'«ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» dont le siège est dans le District de Gakenke, dans la Province du Nord.

Article 2 : Objectifs de l'association

L'Association est créée pour la promotion spirituelle, sociale et technologique en vue de la justice et de la paix en Afrique en général et au Rwanda en particulier. Elle a donc comme objectifs:

- De promouvoir un développement intégral humain fondé sur l'éducation aux valeurs chrétiennes et traditionnelles favorisant la justice et la paix.

- D'aider à la prévention des conflits, en soutenant des ateliers d'entraînement à la médiation et en stimulant les dialogues entre les communautés.

Article 3 : Représentants légaux

Est agréée en qualité de Représentante Légale de l'«ASSOCIATION POUR L'EDUCATION CHRETIENNE AUX VALEURS DE LA PAIX (APAX)» Madame MUKANKUBANA Domina de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur

Akarere ka Gakenke, mu Ntara y' Amajyaruguru.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wungirije w'uwo muryango ni **Bwana NIWENSHUTI Salomon**, Umunyarwanda utuye mu Murenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y' Amajyepfo.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wa kabiri Wungirije w'uwo muryango ni **Madamu MUJAWASE Domitille**, Umunyarwandakazi uba mu Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

